REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°09/2018: **Taliki ya 1–31 Werurwe 2018**

Ryoherejwe kuwa 2 Mata 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Werurwe 2018; cyagaragaje imvura nyinshi kuyari isanzwe iboneka, uretse ku bupimiro bwa Rusizi hagaragaye imvura nke kuyari isanzwe ihagwa
- **Ububobere bw'ubutaka** bwagaragaje impunduka mukwiyongera ndetse burongera buranagabanuka mu bice byinshi by'igihugu aho amashusho yerekana ubuhehere bwinshi kugeza kubuhagije (uburi mu rugero)
- **Ukwezi kwa Mata_2018;** hateganyijwe imvura **iziyongera ku yo twabonye muri Werurwe** cyane imvura nyinshi ikazaboneka mu misozi miremire ya Kongo-Nili

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Werurwe 2018; cyagaragaje imvura nyinshi kuyari isanzwe iboneka, uretse ku bupimiro bwa Rusizi hagaragaye imvura nke kuyari isanzwe ihagwa

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Werurwe_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Werurwe_2018	Werurwe
Kigali (Kanombe)	216.8	111.0
Rusizi (Kamembe)	64.3	168.4
Rubavu (Gisenyi)	212.9	127.3
Nyamagabe (Gikongoro)	275.2	136.8
Ngoma (Kibungo)	399.6	133.5
Gicumbi (Byumba)	197.2	147.3
Bugarama	195.9	148.2
Musanze (Ruhengeri)	129.5	136.9
Gitega	287.1	103.3
Rubengera	184.7	147.8
Byimana	248.6	114.1
Kawangire	123.6	132.2
Nyagatare	101.6	104.2

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Werurwe_2018; n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Gashyantare_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Werurwe_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Werurwe



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Gashyantare_2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Gashyantare



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Werurwe_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Werurwe 2018; cyagaragaje imvura nyinshi kuyari isanzwe iboneka, uretse ku bupimiro bwa Rusizi hagaragaye imvura nke kuyari isanzwe ihagwa (reba **Ikarita1&2**). Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Gashyantare_2018 cyerekanye igabanuka ku mvura mu bice byo hagati mu gihugu (ukuyemo uburengerazuba bwaho); imvura yanabaye nke ugereranyije n'iyari isanzwe igwa muri ibyo bice mu gihe ahandi hose mu gihugu habonetse imvura iri ku kigero gisanzwe kugeza hejuru (ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri Gashyantare kuri buri bupimiro; reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Werurwe 2018 igice cya mbere Ikarita6: Werurwe 2018 igice cya kabiri Ikarita7: Werurwe 2018 igice cya gatatu

Muri Werurwe_2018; amafoto y'icyogajuru yerekana ubwiyongere bw'ubuhehere mu gice cya 2 kubera imvura yabaye nyinshi mu minsi yo hagati muri uko kwezi; nubwo hagaragara ukugabanuka ku buhehere mu gice cya 3; ubutaka buracyafite ubuhehere bubereye ibihingwa byinshi (**Ikarita 5, 6&7;** zirerekana ibice bya Werurwe; icya mbere; icya kabiri ndetse n'icya gatatu uko bikurikirana)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Mata_2018

Ibihe by'imvura bizakomeza kwiganza muri uku kwezi kwa Mata_2018 mu gihugu hose cyane mu gice cya mbere aho imvura iteganyijwe kuba nyinshi mu ruhande rw'uburengerazuba (Crete Kongo-Nili) ikaba nkeya ugereranyije n'izaboneka mu gice cy'uburasirazuba

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Mata_2018



Ikarita7: Mata.2018 igice cya mbere

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)